**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA MU MUHANGO WO GUFUNGURA KU MUGARAGARO AMACUMBI Y'ABAPOLISI

Mbanje gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika H.E. Paul KAGAME ukomeza kwita kuri Polisi y'igihugu cyacu, agatuma ibona ubushobozi n'ibikoresho.

Ndashimira kandi ubuyobozi bwa Polisi bukomeje gushyira umwete ku kazi bwite ka Polisi no ku mibereho y'abapolisi.

Sosiyete yubatse iyi nzu, Police engineering Regiment yayigenzuye n'abandi bose bagize uruhare mu iyubakwa ryayo ntabwo namwe nabura kubashimira.

- Inyubako yatwaye amezi 13 n'amafaranga 2.75bn izacumbikira aba ofisiye 1.436.
- Nta manza/amakimbirane yavutse cyangwa yatumye inyubako itinda cyangwa idindira

Ndagira ngo mbamenyeshe ko uru ari urugero rukomeye rw'ibishoboka iyo hari n'ubuyobozi n'ubushake.

Gushakira abapolisi imibereho myiza, ni gahunda Minisiteri y'ubutabera ishyira imbere.

Iyi nyubako ije yiyongera kuzayibanjirije zirimo ibiro bya Polisi kuri buri Region no mu bigo by'amashuri. Gucunga umutekano w' abantu n'ibintu by' abaturage bisaba ko ababikora babikora kinyamwuga birinda ruswa, batanga serivisi nziza, kurwanya akarengane n'ibindi. Ibi byose ntibyagerwaho abapolisi babikora batitaweho, tukamenya aho barara cyane cyane igihe bari mu kazi kabasaba umwanya muremure`

Ibikorwa remezo birushaho guteza imbere imibereho myiza y'abapolisi.

Gahunda zo kubakira abapolisi amacumbi naho bakorera zizakomeza no mu tundi turere uko ubushobozi buzagenda buboneka kuko iyo umupolisi abonye icumbi ryiza bituma n' akazi agakora neza.

Mu gusoza iri jambo , nongeye gushishikariza abapolisi gufata neza iyi nyubako kandi nabasaba kurushaho gukorana ubunyangamugayo mu ku kazi bashinzwe na Leta ndetse no mu mibereho yabo ya buri munsi.

Mugire amahoro y'Imana.